Diploma Programme
Programme du diplôme
Programa del Diploma

# Kinyarwanda A: literature – Standard level – Paper 1
# Rwanda A : littérature – Niveau moyen – Épreuve 1
# Kinyarwanda A: literatura – Nivel medio – Prueba 1

Wednesday 10 May 2017 (afternoon)
Mercredi 10 mai 2017 (après-midi)
Miércoles 10 de mayo de 2017 (tarde)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

### Instructions to candidates

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a guided literary analysis on one passage only. In your answer you must address both of the guiding questions provided.
- The maximum mark for this examination paper is **[20 marks]**.

### Instructions destinées aux candidats

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez une analyse littéraire dirigée d'un seul des passages. Les deux questions d'orientation fournies doivent être traitées dans votre réponse.
- Le nombre maximum de points pour cette épreuve d'examen est de **[20 points]**.

### Instrucciones para los alumnos

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un análisis literario guiado sobre un solo pasaje. Debe abordar las dos preguntas de orientación en su respuesta.
- La puntuación máxima para esta prueba de examen es **[20 puntos]**.


© International Baccalaureate Organization 2017

International Baccalaureate
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

https://xtremepape.rs/

Andika kuri **umwe** gusa mu myandiko wahawe. Mu gisubizo cyawe ugomba kugira icyo uvuga ku bibazo bikuyobora wahawe.

**1.**

**Umugani wa Nyamutegerikizaza**

Habayeho umugabo akitwa Nyamutegerikizaza, agatura ahantu hitwa i Gihinga cya Ruzege. Uwo mugabo arakwihorerera ashaka umugore, babyarana umwana ariko avuka se yarapfuye.

Nyamutegerikizaza yabonye umugore we afite inda, aramubwira ati: “Uzabyara umwana w’ umuhungu narapfuye; ntuzagire izina umwita, bazajye bamwita mwene Nyamutegerikizaza.” Umugore arikiriza.

Nuko bukeye, Nyamutegerikizaza areba inka, ajya gukwa n’ umugore we, ajyana n’ intama n’ amasaka, n’ impu n’ impuzu nyinshi. Mu nzira asanga ifuku yafashwe n’ umutego; arayitegura, ayiha amasaka irahembuka. Ifuku iramubaza iti: “Wa mugabo we ko ungiriye neza, witwa nde?” Umugabo ayibwira izina rye. Ifuku iti: “Genda umugeni uzamubona.”

Yigiye imbere abona inkuba yaguye mu mutego, na yo arayitegura. Inkuba iti: “Wa mugabo we ungiriye neza, nzayikwitura iki?” Inkuba imubaza izina rye, arayibwira; inkuba iti: “Genda umugeni uzamubona.”

Arakomeza aragenda ahura n’ imbeba, zimubaza izina rye, arazibwira. Imbeba ziti: “Dufungurire!” Aziha amasaka n’ impu n’ impuzu. Arakomeza agera mu ishyamba, ahura n’ intare iti: “Mfungurira kandi unyibwire.” Ayiha inka, arayibwira, ati: “Ndi Nyamutegerikizaza ntuye i Gihinga cya Ruzege, ngiye gukwerera inda, ngakwa indi.” Yigiye imbere ahura n’ isazi n’ ishwima abiha inka, birayishitura birahaga.

Akomeza urugendo, aza guhura n’ umugabo uvuye mu rugo rwe, na we yari afite umugore utwite inda y’ uburiza, Nyamutegerikizaza aramwibwira, amubwira n’ ikimugenza. Umugabo ati: “Nta mukobwa mfite, icyakora umugore wanjye aratwite.” Undi ati: “Yewe! Iyo nda ni yo nshaka, kuko n’ uwanjye atwite atarabyara, maze abo bana bacu tuzabashyingirana.” Umugabo ati: “Ibyo na byo ! Nyihera inka, inda ndayiguhaye.” Nyamutegerikizaza arataha.

Nyamutegerikizaza ageze imuhira, amara iminsi mike arapfa. Bitinze umugore wa Nyamutegerikizaza arabyara, ntiyita umwana izina. Umwana aba umugabo; umwana aza kubaza nyina ati: “Data yitwaga nde?” “Ari hehe?” Nyina aramusubiza ati: “So yarapfuye yitwaga Nyamutegerikizaza. Yari yaragiye inyuma y’ ishyamba, asiga agushakiye umugeni, avuye yo aherako arapfa.” Umwana ati: “Nzajya kureba aho hantu data yajyanye inka yo kunkwerera.”

Bukeye umwana arakugendera, ahura n’ ifuku. Ifuku ziti: “Witwa nde?” Ati: “Ndi mwene Nyamutegerikizaza.” Ifuku ziti: “Wa mugabo ugira neza?” Ifuku ziti: “Genda ariko umenye ko aho ugiye bazakurushya, uzemere uruhe. Nibakohereza guhinga, uzajyeyo uzahadusanga.”

Yigiye imbere ahura n’ imbeba ziti: “Uri nde?” Arazibwira. Imbeba zitema ishyamba arahita; ziti: “Bazakurushya;” ziti: “Bazagushyira mu nzu baguhambirize imigozi, maze imigozi uzayice wisohokere; numara kuvamo inzu bazayitwika bagira ngo urimo maze uzayote, nibaza bazahagusanga.”

Nuko imbeba ziramukurikira zimwereka aho ajya, ahageze bati: “Uri nde?” Ati: “Ndi mwene Nyamutegerikizaza wari utuye i Gihinga cya Ruzege, waje gukwa inda.” Nuko bamushyira mu nzu yo mu rugo bamugenzereza uko imbeba zari zamubwiye, na we akurikiza inama yazo.

Inzu koko barayitwika, mu gitondo babyutse basanga arota baratangara. Bayoberwa uko babigenza, kuko umukobwa se yari yaramukoye, bari baramushyingiye, ndetse yari amaze no kuhabyarira kane kose.

https://xtremepape.rs/

Nuko imvura irashoka, intare zivugira mu ishyamba, inka zari zarashize ziratahа! Batumira umugore n’ abana uko ari bane. Babwira mwene Nyamutegerikizaza bati: “Dore hariya hari abagore barimo nyokobukwe; genda ubaramutse bose usibe kuramutsa nyokobukwe, kuko n’ ubundi kizira. Numumenya ukamucaho utamuramukije, umukobwa we araba umugore wawe.”

Isazi imujya mu gutwi iti: “Uwo ngwaho ntumuramutse.” Umuhungu muzima aramutsa abagore bose, ageze kuri nyirabukwe aramumenya ntiyamuramutsa. Ishwima na yo ibwira mwene Nyamutegerikizaza iti: “Nibaza kukubaza inka so yasize akoye; inka ngwaho izaba ari iyawe.”

Bazana abana umugore yari yarabyariye mu nzu yashatsemo, baborosa ikirago, bati: “Ngaho borosore ukuremo umugore wawe n’ abana bawe.” Imbeba iraza ica hejuru y’ ikirago iriruka. Mwene Nyamutegerikizaza amenya ko ikirago kirimo abana be, araborosora ati: “Uyu mugore n’ aba bana ni abanjye.”

Nuko babuze uko bamugira bamushakira inzoga n’ inka bamuha abamuherekeza ajyana umugore we n’ abana be aratahа.

Si jye wahera hahera umugani.

A. Bigirumwami, *Ibitekerezo Ibyivugo, Amahamba, Indirimbo, Imbyino* (1971)

(a) Jya impaka ku buryo imvugo ya gihanuzi hamwe n’ikeshamvugo ndetse n’iminozanganzo bigaragaza ibivugwa by’ingenzi muri uyu mwandiko.

(b) Wavuga iki ku mikoreshereze y’ibikubiye muri iki gitekerezo bikabyo nk’uko kigaragara muri uyu mwandiko, ndetse n’uburyo bigira ingaruka ku musomyi?



https://xtremepape.rs/

**2.**

**Nugururiye Inyange**

Musaninyange aza kunsura
Yaje wese yisukuye,
Urusogo rw' umuteto w' ubutoya
Rukimutemba amatama yombi,
Uko atambutse agatengerana.

Yanze ya manywa rwahangu,
Ngo ejo uruhayi rw' iryo zuba,
Rutamuziga uruti agahwera,
Dore ko ari agati kagitoha

Imirase ihungira kagahonga.

Narategereje nsha uwo mutaga,
Ntabwo nateshutse na gatoya
Umutima uterekeye iribori.
Ni ikirenga we azaramba,
Ntiwarambirwa kumureba,
N'iyo urengeje icyumweru
Uba ukimurangamiye umurata.

Ubwe agira ibyuzo by' ubudatuza,
Bikaba ibyuzuzo by' uburanga
Iyamwihangiye yamuhaye.

Jye nararebaga ndunguruka,
Nkamuririmba nkarindagira,
Mu nzu hose boshye uzonzwe
N' inzozi nyinshi z' urujijisho.

Inzu yari yenze kwijima gato
Ndeba umunsi ukondakonda
Ukuba kiberinka uyegeranya;
Imirase mu ijuru ry' umujijima
Igasurusumba insomya amahembe.

Yoga mu nzu ihagira inyanja
Na yo ngo isanganiye iyo nyange.
Yatambukaga ateraguza,
Agana aho ntereye mutegereje.

Agikoza intambwe imwe mu muryango
Umutima utangira kuvumera
Nk' uvugutira umurya w' inanga.

https://xtremepape.rs/

Inama twembi turayihuza,
Njya kumusanga nti “gira abana”,
Ati “ngire abawe turere twembi.”

Ineza itashye umutima wanjye
Utera weruye uti “ndashimye”,
Dushira icyusa bishyira kera,
Tuvuga icyarimwe ko bukeye,
N’ ubwo umunsi uzira ikemange
Wakenderaga tuwureba.

C. Rugamba, *Amibukiro* (1986)

(a) Wavuga iki ku nzira n’uburyo bwose umusizi akoresha hagamijwe kugira ngo ikeshamvugo n’iminozanganzo bigire umumaro muri uyu muvugo?

(b) Gira icyo uvuga ku buryo insanganyamatsiko nyamukuru zo muri uyu muvugo zigaragazwamo biciye mu irondorankuru n’ijwi nyabusizi.

https://xtremepape.rs/